

ITEKA RYA PEREZIDA N° 10/01 RYO
KU WA 10/05/2016 RIGENA
AMAFARANGA
Y'INSIMBURAMUBYIZI N'IBINDI
BIGENERWA ABAGIZE INAMA
Y'UBUYOBOZI MURI KOMISIYO
Z'IGIHUGU, INZEGO ZIHARIYE,
INAMA Z'IGIHUGU N'IZ'IBIGO BYA
LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°10/01
OF 10/05/2016 DETERMINING
SITTING ALLOWANCES AND
OTHER FRINGE BENEFITS FOR
BOARD MEMBERS OF NATIONAL
COMMISSIONS, SPECIALIZED
ORGANS, NATIONAL COUNCILS
AND PUBLIC INSTITUTIONS

ARRETE PRESIDENTIEL N°10/01
DU 10/05/2016 DETERMINANT LES
JETONS DE PRESENCE ET AUTRES
AVANTAGES DES MEMBRES DU
CONSEIL D'ADMINISTRATION AU
SEIN DES COMMISSIONS
NATIONALES, ORGANES
SPECIALISES, CONSEILS
NATIONAUX ET
ETABLISSEMENTS PUBLICS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Article 2: Scope of this Order

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Ingingo ya 3: Uburyo insimburamubyizi itangwa

Article 3: Modalities of allocating a sitting allowance

Article 3: Modalités d'allocation d'un jeton de présence

Ingingo ya 4: Ingano y'insimburamubyizi igenerwa abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi

Article 4: Amount of sitting allowances for Board Members

Article 4: Montant des jetons de présence pour les Membres du Conseil d'Administration

Ingingo ya 5: Amafaranga y'itumanaho ku Bagize Inama y'Ubuyobozi

Article 5: Communication allowance for Board Members

Article 5: Frais de communication pour les Membres du Conseil d'Administration

Ingingo ya 6: Koroherezwa urugendo, icumbi n'amafunguro

Article 6: Transport facilitation, accommodation and meals

Article 6: Facilitation au transport, au logement et repas

Ingingo ya 7: Ubutumwa bw'akazi

Article 7: Official mission

Article 7: Mission officielle

Ingingo ya 8: Ubwishingizi ku ndwara no ku byago bikomoka ku kazi

Article 8: Medical and occupational hazards insurance

Article 8: Assurance maladie et celle contre les risques professionnels

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

Ingingo ya 9: Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira

Article 9: Funeral expenses and death allowance

Article 9: Frais funéraires et indemnité de décès

Ingingo ya 10: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 10: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 11: Repealing provision

Article 11: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 12: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 12: Commencement

Article 12: Entrée en vigueur

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

ITEKA RYA PEREZIDA N°10/01 RYO KU WA 10/05/2016 RIGENA AMAFARANGA Y'INSIMBURAMUBYIZI N'IBINDI BIGENERWA ABAGIZE INAMA Y'UBUYOBOZI MURI KOMISIYO Z'IGIHUGU, INZEGO ZIHARIYE, INAMA Z'IGIHUGU N'IZ'IBIGO BYA LETA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 119, iya 120, iya 122, iya 139 n'iya 176;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n°24/01 ryo ku wa 30/04/2013 rishyiraho ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu, Inzego zihariye, Inama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta;

Bisabwe na Minisitiri w'abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 16/12/2015 imaze kubisuzuma no

PRESIDENTIAL ORDER N°10/01 OF 10/05/2016 DETERMINING SITTING ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR BOARD MEMBERS OF NATIONAL COMMISSIONS, SPECIALIZED ORGANS, NATIONAL COUNCILS AND PUBLIC INSTITUTIONS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 119, 120, 122, 139 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions as modified and complemented to date, especially in Article 7;

Having reviewed Presidential Order n° 24/01 of 30/04/2013 establishing sitting allowances for Board Members within National Commissions, Specialized Organs, National Councils and Public Institutions;

Upon proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After examination and approval by the Cabinet in its session of 16/12/2015;

ARRETE PRESIDENTIEL N°10/01 DU 10/05/2016 DETERMINANT LES JETONS DE PRESENCE ET AUTRES AVANTAGES DES MEMBRES DU CONSEIL D'ADMINISTRATION AU SEIN DES COMMISSIONS NATIONALES, ORGANES SPECIALISES, CONSEILS NATIONAUX ET ETABLISSEMENTS PUBLICS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 119, 120, 122, 139 et 176;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 7;

Revu l'Arrêté Présidentiel n°24/01 du 30/04/2013 fixant les jetons de présence pour les Membres du Conseil d'Administration au sein des Commissions Nationales, Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil

kubyemeza;

des Ministres en sa séance du 16/12/2015;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE: HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER: AVONS ARRETE ET ARRETONS :

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena amafaranga y'insimburamubyizi abagize Inama y'Ubuyobozi ya za Komisiyo z'Igihugu, Inzego Zihariye, Inama z'Igihugu, n'iz'ibigo bya Leta bahabwa iyo bitabiriye inama, ndetse n'ibindi bagenerwa mu mirimo yabo.

This Order determines the sitting allowances given to Board Members of National Commissions, Specialized Organs, National Councils and Public Institutions when they attend their meetings and other fringe benefits allocated to them during their duties.

Le présent arrêté détermine les jetons de présence accordés aux Membres du Conseil d'Administration au sein des Commissions Nationales, Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics lorsqu'ils participent aux réunions et autres avantages leur accordés dans leurs fonctions.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Article 2: Scope of this Order

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Iri teka rireba:

This Order applies to:

Le présent arrêté s'applique:

1° Abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu;

1° Board members within National Commissions;

1° aux Membres du Conseil d'Administration au sein des Commissions Nationales;

2° Abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego Zihariye;

2° Board members in specialized organs;

2° aux Membres du Conseil d'Administration au sein Organes Spécialisés;

3° Abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nama z'Igihugu;

3° Board members in National Councils and other public institutions; and

3° aux Membres du Conseil d'Administration au sein Conseils Nationaux ;

Ku bw'iri teka, abagize Inama y'Abakomiseri badahoraho muri Komisiyo

Non-permanent members of Council of Commissioners in National Commissions

Aux fins du présent arrêté, les membres

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

<p>z'Igihugu bafatwa nk'abagize Inama y'Ubutegetsi.</p>	<p>are considered Board Members for purposes of this Order.</p>	<p>non permanents des Conseil des Commissaires au sein des Commissions Nationales sont considérés comme membres du Conseil d'Administration.</p>
<p>Iri teka rireba kandi n'Ibigo bya Leta harimo n'ibikora imirimo y'ubucuruzi, mu gihe amategeko agenga izo Nzego za Leta ateganya ko ibigenerwa abitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bishyirwaho n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>The Order applies also to Public Institutions including public institutions with a mandate of a commercial nature where respective laws specify that sitting allowance of their Board Members is determined by a Presidential Order.</p>	<p>Le présent arrêté s'applique également aux Etablissements Publics y compris les Etablissements Publics à caractère commercial, lorsque les lois qui les régissent prévoient que les jetons de présence seront fixés par un Arrêté Présidentiel.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Uburyo insimburamubyizi itangwa</u></p>	<p><u>Article 3: Modalities of allocating a sitting allowance</u></p>	<p><u>Article 3: Modalités d'allocation d'un jeton de présence</u></p>
<p>Insimburamubyizi igenerwa buri umwe mubagize Inama y'Ubuyobozi iyo yitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi.</p>	<p>A sitting allowance is allocated to any Board Member if the member attends his/her respective meetings of the Board.</p>	<p>Les jetons de présence sont alloués à chaque Membre du Conseil d'Administration lorsqu'il participe aux réunions du Conseil d'Administration.</p>
<p>Iyo Ugize Inama y'Ubuyobozi yitabiriye imirimo y'Inama y'ubuyobozi cyangwa imirimo ya Komite y'Inama y'Ubuyobozi, nabwo agenerwa insimburamubyizi ziteganyijwe muri iri teka.</p>	<p>If a Board Member attends the Board's activities or activities of the Board's Committee, the Member is also entitled to a sitting allowance provided for under this Order.</p>	<p>Si un Membre du Conseil d'Administration a assisté aux activités du Conseil d'Administration ou aux activités du Comité du Conseil d'Administration, il bénéficie également d'un jeton de présence prévu par le présent arrêté.</p>
<p>Amafaranga agenerwa abitabiriye inama avugwa mu ngingo ya 4y'iri teka ntatangwa inshuro irenze imwe mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1), kabone n'iyi inama z'Inama y'Ubutegetsi cyangwa za Komite y'Inama y'Ubutegetsi zaterana inshuro zirenze imwe.</p>	<p>The allowance provided for under Article 4 of this Order shall not be granted more than once in a period of one (1) month, even if meetings of the Board or committee of the Board are held more than once in the same period.</p>	<p>Les montants prévus à l'article 4 du présent arrêté ne peuvent pas être octroyés plus d'une fois au cours d'une période d'un (1) mois, même si les réunions du Conseil d'Administration ou du Comité du Conseil d'Administration sont tenues plus d'une fois au cours de cette période.</p>
<p>Insimburamubyizi n'ibindi byose Abagize Inama y'Ubuyobozi bagenerwa bibafasha</p>	<p>The sitting allowance and any other fringe benefits granted to the Board</p>	<p>Les jetons de présence ainsi que d'autres avantages accordés aux Membres du</p>

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

kuzuzwa neza inshingano zabo bitangwa n'ikigo gifite icyo Nama y'Ubuyobozi mu nshingano zacyo.

Members to facilitate them to effectively fulfil their duties are provided by the Institution having the concerned Board members in its responsibilities.

Conseil d'Administration sont payés par l'Institution ayant le Conseil d'Administration concerné.

Ingingo ya 4: Inyamba y'insimburamubizi igenerwa abitabiriyemo inama y'Inama y'Ubuyobozi

Article 4: Amount of sitting allowances for Board Members

Article 4: Montant des jetons de présence pour les Membres du Conseil d'Administration

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ibanziriza iyi, Ugize Inama y'Ubuyobozi icyo yitabiriyemo inama isanzwe cyangwa idasanzwe y'Inama y'Ubuyobozi cyangwa indi mirimo y'Inama y'Ubuyobozi agenerwa insimburamubizi ku buryo bukurikira:

Without prejudice to provisions of Article 3 of this Order, any Board Member who attends an ordinary or extraordinary meeting of the Board or any other Board's activity is entitled to a sitting allowance as follows:

Sans préjudice des dispositions de l'article précédent, les Membres des Conseils d'Administration lorsqu'ils assistent aux réunions ordinaires ou extraordinaires du Conseil d'Administration ou aux activités du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence comme suit:

1° Perezida: Ibihumbi ijana na mirongo irindwi na kimwe na magana ane makumyabiri n'icyenda (171.429 Frws) mbumbe;

1° The Chairperson: One hundred seventy one thousand four hundred twenty nine Rwandan Francs (Frws171,429) gross;

1° Président: Cent soixante et onze mille quatre cent vingt-neuf francs rwandais (171,429 Frws) brut;

2° Visi-Perezida: Ibihumbi ijana na mirongo ine na bibiri na magana inani mirongo itanu n'arindwi by'amafaranga y'u Rwanda (142.857 Frws) mbumbe;

2° The Vice-Chairperson: One hundred forty two thousand eight hundred fifty seven Rwandan Francs (Frws142,857) gross;

2° Vice-Président: Cent quarante-deux mille huit cent cinquante-sept francs rwandais (142.857 Frws) brut;

3° Ugize Inama y'Ubuyobozi: Ibihumbi ijana na cumi na bine na magana abiri na mirongo inani n'atandatu by'amafaranga y'u Rwanda (114.286 Frws) mbumbe.

3° A Board Member: one hundred fourteen thousand two hundred eighty six Rwandan Francs (Frws 114,286) gross.

3° Membre : cent quatorze mille deux cent quatre-vingt-six francs rwandais (114.286 Frws) brut.

Iyo umwe mu Bagize Inama y'Ubuyobozi yitabiriyemo imirimo ya Komite y'Inama y'Ubuyobozi agenerwa insimburamubizi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi na kimwe na magana ane

Any Board Member who attends any other activity of the Board's Committee is entitled to a sitting allowance equivalent to seventy one thousand four hundred twenty nine Rwandan francs

Un membre du Conseil d'Administration lorsqu'il assiste aux activités du Comité du Conseil d'Administration bénéficie du jeton de présence équivalent à soixante et onze mille quatre cent vingt neuf francs

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

na makumyabiri n'icyenda (71.429 Frws) (71,429 Frws) gross. rwandais (Frws 71.429) brut.
mbumbe.

Insimburamubyizi ntishobora kongerwa. Icyakora, iyo bibanje kwemezwa hakoreshejwe Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze, ingano y'insimburamubyizi igenerwa abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi mu Kigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi, ishobora kwiyongera.

A sitting allowance shall not be increased. However, if approved through an Order of the Minister responsible for finance, the amount of the sitting allowance of Board Members within a Public Institution with a mandate of a commercial nature may be increased.

Le montant du jeton de présence ne peut pas être augmenté. Cependant, après approbation à travers l'Arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions, le montant de jeton de présence pour les Membres du Conseil d'Administration au sein d'un Etablissement Public à caractère commercial, peut être augmenté.

Ingingo ya 5: Amafaranga y'itumanaho ku Bagize Inama y'Ubuyobozi

Article 5: Communication allowance for Board Members

Article 5: Frais de communication pour les Membres du Conseil d'Administration

Abagize Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga y'itumanaho ya buri kwezi ku buryo bukurikira :

Board Members is entitled to a monthly communication allowance as follows:

Les Membres du Conseil d'Administration bénéficient des frais mensuels de communication comme suit:

1° Perezida: Ibihumbi mirongo itandatu by'amafaranga y'u Rwanda (60.000 Frws) atahanwa;

1° Chairperson: Sixty thousand Rwandan francs (Frws 60,000) net;

1° Président: Soixante mille francs Rwandais (60.000 Frws) net;

2° Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi: Ibihumbi mirongo ine by'amafaranga y'u Rwanda (40.000 Frws) atahanwa;

2° Vice-Chairperson: Forty thousand Rwandan francs (Frws 40,000) net;

2° Vice-Président: Quarante mille francs Rwandais (40.000 Frws) net;

3° Ugize Inama y'Ubuyobozi: Ibihumbi mirongo itatu by'amafaranga y'u Rwanda (30.000 Frws) atahanwa.

3° Board member: Thirty thousand Rwandan francs (Frws 30,000) net.

3° Membre: Trente mille francs Rwandais (30.000 Frws) net.

Icyakora, iyo Ugize Inama y'Ubuyobozi yari asanzwe ahabwa amafaranga y'itumanaho bitewe n'umwanya afite mu nzego z'imirimo ya Leta ntagenerwa amafaranga y'itumanaho n'Urwego rwa Leta abereye mu Nama y'Ubuyobozi.

However, a Board Member who benefits from any other communication allowance by virtue of a post he/she occupies in public service shall not be entitled to a communication allowance from the Institution having the concerned Board of Directors in its responsibilities.

Cependant, un Membre du Conseil d'Administration qui bénéficie des frais de communication en vertu d'un poste qu'il occupe dans la fonction publique ne bénéficie pas des frais de communication de l'institution ayant le Conseil d'administration concerné.

Ingingo ya 6: Koroherezwa urugendo, icumbi n'amafunguro

Perezida, Visi Perezida cyangwa ugize inama y'Ubuyobozi utuye mu Rwanda agenerwa indamunite zigendanye n'ibirometero hakurikijwe Amabwiriza ya Minisitiri ufite ingendo mu nshingano ze nk'uko bisanzwe bikorwa ku bakozi ba Leta bo ku rwego rwa E kuri Perezida, F kuri Visi Perezida na G ku Bagize Inama y'Ubuyobozi.

Indamunite zibarirwa ku birometero zibarwa hashingiwe ku rugendo ruri hagati y'aho Ugize Inama y'Ubuyobozi atuye n'aho imirimo y'Inama y'Ubuyobozi yabereye.

Ugize Inama y'Ubuyobozi utuye mu mahanga witabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi cyangwa indi mirimo y'Inama y'Ubuyobozi, agenda mu ndege mu cyicaro cya "economy" nk'umukozi wa Leta uri ku rwego rwa G.

Icyakora, iyo hari impamvu zifatika kandi urwego bireba rugasaba ko Ugize Inama y'Ubuyobozi yahindurirwa icyicaro mu ndege akagenda mu cyicaro cya "business class" kandi bikemezwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze, Ugize inama y'Ubuyobozi utuye mu mahanga ashobora kugenda mu cyicaro cya "business class" cy'ibyicaro mu ndege.

Article 6: Transport facilitation, accommodation and meals

A Chairperson, Vice-Chairperson or a Board Member who is a Rwandan resident is entitled to a mileage allowance to facilitate him/her in transport in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport, in the same manner as for permanent public servants on E, F and G job classification levels for Chairperson, Vice-Chairperson and a Board Member respectively.

The mileage allowance is calculated on the basis of the distance between the residence of a Board Member and the place of the Board's activities.

To attend a Board meeting or any other Board activity, a Board Member who resides abroad travels by air in economy class as a public servant on G job classification level.

However, upon justification and if the concerned institution requests that the economy class be upgraded to a business class and upon approval by the Minister in charge of finance, a Board Member who resides abroad may travel in a business class.

Article 6: Facilitation au transport, au logement et repas

Le Président, le Vice-Président ou un Membre du Conseil d'administration résidant au Rwanda reçoivent des indemnités kilométriques de transport conformément aux Instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions égales à celles des agents de l'Etat aux niveaux d'emploi E, F et G respectivement pour le Président, le Vice-Président et les Membres du Conseil d'Administration.

Les indemnités kilométriques couvrent la distance entre le lieu de résidence et le lieu des activités du Conseil d'Administration.

Un Membre du Conseil d'Administration résidant à l'étranger qui va à la réunion du Conseil d'Administration ou aux activités du Conseil d'Administration, il voyage en classe économique d'avion comme un agent de l'Etat au poste de niveau G.

Cependant, contre justification et sur demande de l'Institution concernée de changer de la classe économique à la classe "business" et sur approbation du Ministère ayant des finances dans ses attributions, un membre du Conseil d'administration résidant à l'étranger peut voyager dans la classe "business" d'avion.

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

Iyo Ugize Inama y'Ubuyobozi utuye mu mahanga ari mu gihugu, Urwego abereye mu Nama y'Ubuyobozi rumworoheraza uburyo bw'ingendo. Iyo bisaba kumukodeshereza imodoka bikorwa nk'uko bisanzwe bikorwa ku bayobozi bari ku rwego rwa G ku mbonerahamwe y'imirimu.

Ugize Inama y'Ubuyobozi utuye mu mahanga yishyurirwa icumbi n'amafunguro byose bikishyurwa hoteli yamucumbikiye kandi bikishyurwa n'Urwego rwa Leta rufite iyo Nama y'Ubuyobozi mu nshingano. Urwego rwa Leta bireba nirwo rugena urwego rwa hoteli.

Ingingo ya 7: Ubutumwa bw'akazi

Uburyo Perezida, Visi Perezida n'Abagize Inama y'Ubuyobozi bajya mu butumwa bw'akazi bukurikiza ibiteganywa n'Iteka rya Perezida rigena ubutumwa bw'abakozi imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Ingingo ya 8: Ubwishingizi ku ndwara no ku byago bikomoka ku kazi

Urwego rwa Leta bireba rufatira Ugize Inama y'Ubuyobozi ubwishingizi ku ndwara iyo adasanzwe abufite. Ubwo bwishingizi bumara igihe kingana na manda ye.

In case a Board Member who resides abroad is in the Country, he/she is entitled to local transport facilities provided for by the Institution having the concerned Board of Directors in its responsibilities. If hiring a vehicle is required, it is done in the same manner as for Officials on G job classification level.

A Board Member who is not a Rwandan resident is entitled to accommodation and meals paid directly to the hosting hotel by the institution for which he/she is a member of the Board of Directors. The concerned Public Institution determines the category of the hotel.

Article 7: Official mission

Modalities through which the Chairperson, Vice-Chairperson or Board Members goes for official mission follow provisions of the Presidential Order determining modalities of official missions inside the country or abroad.

Article 8: Medical and occupational hazards insurance

The concerned Public Institution subscribes a Board Member to a medical insurance if he/she is not subscribed to any. The medical insurance covers the period of his/her term of office.

Si un Membre du Conseil d'Administration qui réside à l'étranger est à l'intérieur du pays l'Institution ayant le Conseil d'Administration concerné lui facilite le transport. Si la location de véhicule est nécessaire, ça se fait comme pour les agents de l'Etat au niveau G sur la classification des emplois.

Un membre du conseil d'administration qui réside à l'étranger bénéficie du logement et le repas payés directement à l'hôtel d'accueil par l'institution ayant le Conseil d'administration concerné. La catégorie d'hôtel d'accueil est déterminée par appréciation de l'Institution concernée.

Article 7: Mission officielle

Les modalités de mission officielle pour le Président, le Vice-Président ou des Membres du Conseil d'Administration suivent les dispositions de l'Arrêté Présidentiel déterminant les modalités de mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Article 8: Assurance maladie et celle contre les risques professionnels

L'Institution concernée souscrit une assurance maladie pour un Membre du Conseil d'Administration qui ne l'a pas. Cette assurance est prise pour la période équivalente à son mandat.

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

Iyo hari Ugize Inama y'Ubuyobozi atari umukozi wa Leta, Urwego rwa Leta bireba rumufatira ubwishingizi ku byago bishobora gukomoka ku kazi arukorera.

Ingigo ya 9: Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira

Iyo Ugize Inama y'Ubuyobozi apfuye akiri ku mirimo, Urwego yakoreraga ku buryo buhoraho nirwo ruha umuryango wa nyakwigendera amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira hakurikijwe amategeko abigenga.

Iyo Ugize Inama y'Ubuyobozi apfuye akiri ku mirimo kandi akaba nta Rwego yakoreraga ku buryo buhoraho, amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira atangwa n'Urwego rwa Leta yari abereye mu Nama y'Ubuyobozi hakurikijwe Itegeko rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta.

Ingingo ya 10: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

If a Board Member is not a Public servant, the concerned Public Institution subscribes the member to a work-related hazards medical insurance.

Article 9: Funeral expenses and death allowance

In case a Board Member dies while still in service, the Institution for which he/she is a permanent employee allocates funeral expenses and death allowance to the family of the deceased in accordance with applicable laws.

If a Board Member dies while still in service and there is no Institution in which he/she is a permanent employee, the Institution for which he/she is a Board Member allocates funeral expenses and death allowance to the family of the deceased in accordance with the Law establishing the General Statutes for Public Service.

Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Pour un Membre du Conseil d'Administration qui n'est pas en même temps un agent de l'Etat, l'Institution concernée souscrit pour lui une assurance contre les risques professionnels liés aux services prestés pour cette institution.

Article 9: Frais funéraires et indemnité de décès

En cas de décès d'un Membre du Conseil d'Administration en cours d'activités, l'Institution où il travaillait de façon permanente alloue les frais funéraires et l'indemnité de décès à la famille du défunt, conformément aux lois en la matière.

En cas de décès d'un Membre du Conseil d'Administration en cours d'activités alors qu'il n'y a aucune Institution où il travaillait de façon permanente, l'institution pour laquelle il est Membre du Conseil d'Administration alloue les frais funéraires et l'indemnité de décès à la famille du défunt, conformément à la Loi portant Statut Général de la Fonction Publique.

Article 10: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo ku wa 30/04/2013 rishyiraho ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu, Inzego Zihariye, Inama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta, Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe n° 006/03 yo ku wa 27/12/2013 akena uburyo bwo korohereza gukora imirimo abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego Zihariye, mu Nama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri zinyuranye naryo bivanyweho.

Ingingo ya 12: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 01/07/2016.

Kigali, ku wa **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

Article 11: Repealing provision

Presidential Order n° 24/01 of 30/04/2013 establishing sitting allowances for Board Members within National Commissions, Specialized Organs, National Councils and Public Institutions, Prime Minister's Instructions n° 006/03 of 27/12/2013 determining modalities to facilitate Members of Board of Directors of Specialized Organs, National Councils and Public Institutions to discharge their duties and all other prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 12: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect from 01/07/2016.

Kigali, on **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

Article 11: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 30/04/2013 fixant les jetons de présence pour les Membres du Conseil d'Administration au sein des Commissions Nationales, Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics, les Instructions du Premier Ministre n° 006/03 du 27/12/2013 déterminant les modalités de faciliter aux Membres du Conseil d'Administration des Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics, à accomplir leurs tâches ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 12: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il prend effets à partir du 01/07/2016.

Kigali, le **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

Official Gazette n°22 bis of 30/05/2016

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizeho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux